



# Maguru Atanga Amaguru

Emmanuel Sibomana
Wiehan de Jager

Kinyarwanda

African Storybook.org



Kera cyane nta nyamaswa yagiraga amaguru. Zose zakururukaga hasi.



Abantu ni bo bonyine bagiraga amaguru kuko Maguru yari yarayabahaye.



Umunsi umwe Maguru yiyemeje guha buri nyamaswa amaguru. Yatangiye kugendagenda mu mudugudu abitangaza n'indangururamajwi. Yashakaga ko buri nyamaswa yagendesha amaguru nk'abantu.




Inyamaswa zarishimye ubwo zumvaga ko zigiye guhabwa amaguru. Buri nyamaswa yifuzaga cyane kugira amaguru kugira ngo ishobore kugenda no kwiruka. Zararirimbye, zizunguza imirizo yazo, izindi zikubita amababa yazo.




Inyamaswa zarateranye ziganira uburyo kugenda zikururuka byazigoraga. Ubutaka bwakomeretsaga inda zazo. Amaguru kandi yari kuzazifasha guhagarara zemye zikanareba kure nk'uko abantu babigenzaga.



Umunsi zahawe ugeze, inyamaswa nyinshi zirakururuka zigana kwa Maguru, kugira ngo zihabwe amaguru. Udusumbashyamba, intare, inzovu, inkwavu, ingona n'inyoni zose zitonda umurongo zitegereza guhabwa amaguru.



Buri nyamaswa yahawe amaguru ane. Inyoni zahawe amaguru abiri.



Inyamaswa zahise zihinduka zikimara guhabwa amaguru. Zimwe zarishimye zirabyina. Izindi kugendesha amaguru byarazigoye ziragwa.



Zatangiye kugendagenda mu mudugudu zirataku bantu. Inyamaswa zose ziravuga ziti, "Ntituzongera gukururuka ukundi."



Inyamaswa ya nyuma ku murongo yari Magurijana. Nuko Maguru arayibaza ati, "Ese hari undi usigaye inyuma yawe?" Magurijana irasubiza iti, "Oya ni njye wa nyuma."



Maguru aribaza ati, "Niba nta wundi usigaye aya maguru asigaye nzayamaza iki?" Maze amaguru yose asigaye ayaha Magurijana.



Magurijana agenda yishimye kuko yariahaweamaguru menshi. Yaribwiraga ati, "Nzajya nihuta mbarushe bose."




Magurijana akimara kugenda, inzoka iba igeze kwa Maguru. Isaba Maguru ivuga iti, "Nyamuna Maguru mpa amaguru nibura make."



Maguru ati, "Amaguru yose nayatanze. Wari uri he?" Na yo iti, "Nasinziriye sinamenya igihe bwakereye."



Maguru ashakisha mu nzu hose ngo arebe niba hari amaguru yaba asigaye, ariko arayabura.



Maguru arasohoka aravuga ati, "Nzoka rwose unyihanganire, nta maguru asigaye." Ubwo inzoka itaha ikururuka. Kuva uwo munsi, inzoka nijya isinzira cyane. Ihora itegereje andi mahirwe yo kuzahabwa amaguru.

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Maguru Atanga Amaguru

**Author** - Mutugi Kamundi
**Translation** - Emmanuel Sibomana
**Illustration** - Wiehan de Jager
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - First paragraphs

© African Storybook Initiative 2015
Creative Commons: Attribution 4.0
**Source** www.africanstorybook.org